

IMFASHAYOBORA Y'ABARIMU KU MFASHAYOBORA YA SOMA MU RUGO MURYANGO

Amakuru akurikira agenewe abarezi. Nucapira iyi fashayobora imiryango; usabwe kongeraho Ifashayobora ya Soma Mu Rugo Muryango (Impapuro 2-21).

Intego y'Ifashayobora Soma Mu Rugo, nugufasha abarimu; gukangurira no gushishikariza imiryango gufasha abana muri Gahunda ya Soma Mu Rugo. Ifashayobora igena amasomo atuma abana barushaho gusobanukirwa icyo bakeneye kumenya, icyo bakora ndetse n'ibikorwa byamufasha kuvamo amusomyi w'umuhanga. Kugira ngo bigerweho, Ifashayobora Soma Mu Rugo Muryango irimo:

1. Iyipimo rusange n'amanota y'isuzuma; ibi bikuzuzwa n'abakozi b'ishuri;
2. Bakanasobanura igice gikwiye gushyirwa imbaraga kugira ngo umwana arusheho gusoma neza,
3. Kwiga ibyashyirwaho mu rugo kugira ngo umwana arusheho kuba umusomyi w'umuhanga.

Urupapuro rwintangiriro rukurikira rukubiyemo inyandiko y'amakuru agenewe imiryango n'uburyo bwo kuvugana amakuru y'isuzumwa y'umunyeshuri nahakwiye gushyirwamo imbaraga kugira ngo umunyeshuri agere ku kigero cyiza cyogusoma.

Nyuma; Ifashayobora igaragaza uburyo ababyeyi bahabwa amakuru yerekeranye:

- Read to succeed, Inyandiko yashyirwaho muri Senate Bill 9 (2022);
- Gahunda Inononsoye yo gusoma;
- Gahunda ya Soma Murugo; na
- Inkoranyamagambo nkubufasha bwisumbuyeho.

Umpapuro zanyuma ningenzi cyane kuko zikubiyemo uburyo butanu bwingenzi bwagufasha gusomaneza (kumenya imiterere y'amagambo, Amajwi, Kuvuga neza, Amagambo no Gusonukirwa). Ibi bice bikubiyemo:

- Uburyo bwiza busobanutse bugize gusoma, hamwe
- Kwigira ku buzima bwo murugo nuburyo bwiza bufasha, bukanashimangira, gusoma neza mwishuri.

Ibikorwa bishyirwaho muri Gahunda ya Soma Murugo ntabwo bisaba gutegurwa Na mwarimu. Ariko, isubirwamo ryibikora n'inyandiko nyunguranabitekerezo n'amagambo bishyirwaho kugira ngo bifashe umunyeshuri kwigira mu rugo. Abarezi bashyiraho ibikorwa bitandukanye bashyirwaho kubyifuzo by'abanyeshuri.

Ni byiza gusangiza Ifashayobora ya Gahunda ya Soma Murugo Muryango, imiryango y'abanyeshuri bafite ibyago byo kutagera kukigero mfatizo, kuko bibatera imbaraga. Abarimu bagomba koherereza imiryango yabo bana, igice cy'intangiriro hamwe n'igice cy'ibikorwa bitanu cyangwa igice cy'intangiriro n'igikorwa kimwe cyangwa byinshi icyarimwe. Kandi abarimu basabawe kubikira ibanga abo banyeshuri.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

Mubyeyi & Murezi,

Ubuyobozi n'Abarimu ba JCPS kuri _____ Ita ku nshingano zawe, umenye uruhare rwawe mumitsindire yumwana. duhagaciro cyane ubufatanye bw'amashuri n'imiryango kandi tuzi ko ubufatanye buhamye bushingiye ku gushyikirana no gufashanya. Iy'Ifashayobora ya Soma Mu Rugo Muryango ashingiye kuri izi ndangagaciro n'inkunga bifasha umwana wawe muri Gahunda Ivuguruye yo Gusoma. Impapuro zikurikira zikubiyemo amakuru yerekeye:

1. Ibipimo rusange n'amanota y'isuzuma;
2. Ni kihe gice umwana akeneye gufashwamo cyane;
3. Ibyashyiringirwaho mu rugo wakora numwana bikongera ubumenyi bwo gusoma.

Icyongeho, hari amakuru ku nyandiko yitwa Kentucky Read to Succeed ya Senate Bill 9 (2022), Gahunda Ivuguruye yo Gusoma, Gahunda ya Soma Murugo, nuruhare rukomeye rw'imiryango mu mitsindire y'abanyeshuri. Inkoranyamagambo hamwe n'inama mu rugo harimwo:

Ibikorwa bya igira murugo bikubiye muri iyi nyandiko byateguwe mu bice bitanu by'ingenzi byo gusoma (kumenya imiterere y'amagambo, Amajwi, Kuvuga neza, Amagambo no Gusobanukirwa). Mugiyeye ubashije kumenya aho umwana akeneye ubufasha cyane, uzashishikarira kumenya ibikorwa bikenewe muri iyi gahunda. Mukanguriwe kwigira kubikorwa bya buri muni bizagufasha no mubindi bice.

Gusoma bya gihanga bisaba kuba ubasha gukoresha bwa buryo butanu bwose.

Ishami ry'uburezi rya Kentucky bwishimiye gufatanya nubuyobozi n' abarimu bo ku ishuri ry'umwana wawe kugira ngo ahabwe ubufasha muri iyi Gahunda ya Soma Mu Rugo. Ufite ikibazo cyangwa inyunganizi kuri iyi gahunda, usabwe kwegera mwarimu w'umwana wawe.

Murakoze,
Umuyobozi Mukuru

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

Ibipimo Rusange N'Aamakuru Y'Amanota Y'Isuzuma

(Yuzwuzwa n' umurezi)

Izina ry'umunyeshuri	
Ishuri	
Izina rya mwarimu	
Itariki	
Ivurura mu gusoma	
Ubufasha ahabwa	
Yujujwe na	

IBIPIMO RUSANGE N'AMANOTA Y'IBIZAMINI

Izina ry'usuzumwa	Ubwoko bw'isuzumwa	Intangiriro y'umwaka Amanota/Ijanisha	Hagati mu mwaka Amanota/Ijanisha	Impera y'umwaka Amanota/Ijanisha
Imikurire ya MAP	Igipimo			
Gusoma Neza MAP	Isuzuma			

IBICE BYIBANDWAHO KU BANA BATAGEZA IBIPIMO MFATIZO

Reba ahakwiye kongerwamo ingufu ushingiyeye ku GUSOMA NEZA MAP. Amakuru yinyongera.):

- Kumenya Imiterere y'Amagambo
 - Amajwi
 - Kuvuga neza
 - Amagambo
 - Gusobanukirwa

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

GAHUNDA IVUGURUYE YO GUSOMA NIKI? NI URUHE RUHARE RW'UMURYANGO?

Inyandiko ya The Read to Succeed yasinnye mumategeko mu mwaka wa 2022. Umunyeshuri wese wo mumashuri yincuke kugeza mumwaka wa gatatu w'amashuri abanza bigaragara ko akeneye ubufasha mu kwiga kugira ngo abashe kugera kukigero cyiza cyo gusoma, azahabwa **Gahunda Ivuguruye yo Gusoma** yakozwe ndetse ikanashyirwa mu bikorwa n'itsinda rya **Gahunda Ivuguruye yo Gusoma**.

Iri tsinda rishyiraho ndetse rikanagenzura uburyo iyi gahunda ivuguruye yo gusoma igenda iterimbere. ikaba ikubiyemo:

- Umubyeyi cyangwa umurezi w'umwana ni inkingi ikomeye muri iyi gahunda ivuguruye yo gusoma
- Umwarimu usanzwe w'umwana wawe utari muni yumwe ashobora gutanga amakuru akubiyemwiteganyanyigisho rusange ku bana burungano rumwe;
- Userukira ikigo cy'uburezi bwo mu karere uzi neza iteganyanyigisho yo gusoma ndetse ubona ibimenyetso bishingiye ku gusoma no kwandika nk'ibikoresho byifashishwa mu gusoma muri icyo kigo.
- Umukozi w'ishuri wese wemewe yemerewe guhabwa amasomo y'indimi, Gahunda yo kwigisha cyangwa serivisi zo kwigisha zihariye.

Igihe umubyeyi cyangwa umurinzi w'umunyeshuri ari umwe mubagize itsinda rya gahunda yo gusoma, umuryango n'abandi barezi na bo bashobora gufasha umunyeshuri bifashishije amakuru ari mu ifashyobora, uburyo umwana yakwiga gusoma cyanga akifashisha ingero zitandukanye zafasha umwana gusoma neza mu rugo.

Gahunda Ivuguruye yo Gusoma igomba igizwe namakuru y'ikigero umwana agezeho mu gusoma, igice kigomba kwibandwaho, ubufasha na serivisi byahabwa umwana kugira ngo amenye gusoma neza. muri ubwo bufasha hagomba kuba harimo ingamba zinoze zimyigishirize n'ibikoresho bikwiye bikenewe kugira ngo umwana arushaho guterimbere. Amakuru y'iterambere ry'umwana wawe nayo arakenewe muri iyi gahunda kandi agomba gutangwa buri gihembwe n'umubyeyi cyangwa umurinzi ndetse ndetse akandikwa kw'ikarita ya raporo y'umwana. Ibyo nibikorwa, umusaruro w'ingamba zafashwe uzamenyeshwa itsinda rishinzwe gutegura gahunda yo gusoma maze barebe ibyemezo byafasha umwana wawe gusoma neza.

Iyi Gahunda Ya Soma Mu Rugo igenewe ababyeyi n'abarinzi bemewe namategeko b'abana bakeneye ubufasha mu gusoma. Iyi gahunda ikubiyemo amakuru y'uburyo wakwitabira ibikorwa bya gahunda ya soma mu rugo mu buryo buhoraho. The Kentucky Academic Standards [A New Way Forward](#) nubundi buryo bushoboka bwa kwifashishwa nimiryango.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

AMAGAMBO YO GUSOMA NO KWANDIKA

Ibintu 5 by'ingenzi byagusha gusoma: ubu nuburyo bwagufasha kuba umusomyi w'umuhanga.

1. KUMENYA IMITERERE Y'AMAGAMBO

Kuba ushobora gutandukanya, kurema, kwibuka no gukoresha amajwi yabantu (phonemes) mugiyemo urimo uvuga.

2. AMAJWI

Kumenya ibyo umuntu ashobora kwiteha hagati y'amagambo n'ibishushanyo (inyuguti cyangwa inyuguti zifatanye bihagarariye amagambo) n'isano hagati y'amagambi manini n'inyuguti cyangwa ibice by'amagambo bisobanutse.

3. KUVUGA NEZA

Kuba ushobora gusoma neza kumuvuduko uhagije ndetse namagambo yukuri ukumvikanisha igitekerezo cyawe.

4. AMAGAMBO

Kuba uzi igisobanuro cy'ijambo mu nyandiko ukanamenya ubutumwa iryo jambo ririmo gutanga.

5. GUSOBANUKIRWA

Kugira ngo wumve neza, unasobanukirwe inyandiko runaka, ugomba gucukumbura cyane amagambo, ubumenyi usanzwe uyafiteho ndetse ukanayatekereza. Ubu nuburyo bukoreshwa nabasomyi beza kugira ngo bumve, bibuke ndetse banasangize abandi amakuru yibyasomwe.

Ibyago byo kutagera kukigero mfatizo:

Kuba hari intambwe wateye muri bimwe mu bice bitanu bigize gusoma, nkuko bigenwa n'ibipimo rusange ndetse n'amanota y'isuzuma. Abanyeshuri bigaragara ko bafite ibibazo mu gusoma, bazahabwa ubufasha bwisumbuyeho binyuze muri Gahunda Ivuguruye yo Gusoma, kugira ngo bigishwe byimbitse babashe gusoma neza.

Ubufasha:

Kongerera amabwiriza itsinda rito runaka cyangwa umuntu ku giti cye kugira ngo biyungure ubumenyi muri bya bice bitanu byo gusoma (kumenya imiterere y'ijambo, amajwi, kuvuga neza, amagambo no gusobanukirwa).

Gahunda inononsoye:

Ubufasha bwihuse mu gihe cy'ishuri no mu gihe cy'ibiruhuko cyangwa gahunda y'ishuri igenwa nababishinzwe bashingiye kuri gahunda y'amabwiriza ashingiye ku bimenyetso ifitanye isano n'amabwiriza yo gusoma mumashuri, ishingiye kuri bya bice bitanu byagufasha gusoma aribyo kumenya imiterere y'ijambo, amajwi, kuvuga neza, amagambo no gusobanukirwa n'izindi ngamba zakwifashishwa mu gusoma no kwandika ku rwego rusabwa na KRS 158.6453, nkuko tubisanga mumabwiriza y'ubuyobozi yashyizweho n'Akanama k'Uburezi ka Kentucky.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

Kugenzura iterambere:

Rikorwa kenshi gashoboka, hagenda hasuzumwa iterambere ry'umwana harebwa nimba ubufasha ahabwa bumugirira akamaro

Isuzuma misomere:

Isuzuma rigaragaza ubumenyi umunyeshuri amaze kugira ugereranyije n'urwego rwashyizweho mu bice byingenzi byo gusoma. rinagaraza abana bakeneye ubufasha muri ibyo bice bimwe a bimwe; bakabasha guhabwa ubufasha bwangombwa butuma na bo babasha kwihutishwa bagasoma neza.

Ibipimo rusange:

Ni inzira ipimirwamo abanyeshuri bose bo mucyiciro kimwe, hagamijwe kumenya uko umwana ahagaze muri bya bice byingenzi byo gusoma.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

INAMA RUSANGE ZAGUFASHA GUSOMA MU RUGO

- Ongera igihe cyo gusoma ku munsu, ugomba kuba ufite ibitabo mu rugo, mugikapu cyangwa mumodoka. Gusoma hamwe n'umwana wawe iminota 20 ku munsu byavamo umusarure mwiza urambye.



- Shyira urutoki rwawe kwijambo mu giye urimo urisoma.
- Kosora umwana wawe mu rukundo mu gihe asomye nabi ijambo, nubwo byaba bigiye gusa cyangwa se bifite igisobanuro kimwe. urugero, umwana shobora gusoma mucyongereza "house" mucyimbo cya "home" cyangwa "mother" mucyimbo cya "mom." Mubwire muri aya magambo uti, "reka turebe buri nyuguti imwe imwe, twongere dusome iri jambo."

- hitamo ibitabo byo gusoma byibanda ku buzima busanzwe bwumwana, nko gutangira ishuri, kujya kwa muganga wamenyo, kwita ku matungo magufi

Cyangwa izindi nkuru n'ibikorwa akunda. mugirane ubusabane muhanahana ibitekerezo ku nkuru mumaze gusoma.

- Mubaze, unamutinyure kubaza ibibazo ku nkuru mumaze gusoma. uti, ubona ariki gikurikiyeho? Ibyo wibwiraga nibyo? Ubona iyi nkuru ihura nibyo watekerezaga cyangwa bitandukaniye he? Uyu mwanditsi umubona ute? Niki wasomye gituma utekereza utyo?
- Musubiremo inkuru umubaze ukobyatangiye, uka byaje kugenda n'uko byarangiyeye. Hagarika igihe umaze gusoma igika hanyuma musubiremo uko byagenze. Unyuze kuri iyi mirongo your child's Clever App, access Gale and KY Virtual Library for engaging articles.
- Gusoma bucece ni ingenzi cyane mumyigire y'umwana. abana bataregera ku kigero mfatizo bakeneye imikorere n' ubufasha bwihari bahabwa n'abarezi babo mu giye basoma bucece. reka umwana wawe asome nijwi riranguruye mbere yuko atangira gusoma bucece.
- Sura isomero kenshi gashobora, ushobora kujyayo cg ugakoresha mudasobwar andi makuru yuko wabona isomero rikwegereye sura urubuga rwitwa Louisville
- Ukamenyako iyo nkuru igenewe kutanga ubutumwa runaka. ungero, ntabwo bihagararira ku bitabo gusa, ishobora kuba inkuru yabayeho, ibyapa, indirimbo, ijambo rya runaka, igihangano, ibikinisho byigishan'ibimenyetso byo mu muhanda.



GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

- Gura cyangwa ukore imfashanyigisho zitandukanye (icyuma, impapuro, plastike cyangwa mu giti) witoze amajwi
- Baza mwarimu wumwana wawe ibikorwa biri muri gahunda y'uburezi umwana agomba gukora mu rugo kuri the EL Education Curriculum.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

KUMENYA IMITERERE Y'IJAMBO

Kumenya imiterere y'amagambo nukumenya gutandukanya, kurema, kwibuka no gukins n'ijwi ry'umuntu mu magambo avuzwe.

Kumenya imiterere y'ijambo bisaba umwana azi kumva, agakina n'amajwi, adasoma cyangwa ngo yandike, Bimufasha gusoma no gusubiramo amagambo neza. 2 ibikorwa byo muri iki gice ntabwo bisaba gusoma no kwandika amagambo. ahubwo, umwana yita cyane ku ijwi yumva mumagambo avuzwe hanyuma akarisubiramo yitonze uko ritangira, hagati nuko ijambo rirangira. gusubiramo amajwi **iminota 5-10 ku munsu** ningenzi bifasha gusoma neza.

Imyitozo yo kumenya imiterere y'ijambo muri iyi fashayobora igabanyijemo ibyiciro bibiri: ibikorwa byibanze n'ibindi bitandukanye bifasha umwana wawe kwiyungura ubumenyi muri ibi bikurikira:

- Injyana;
- Kubara inyuguti;
- Kuba wamenya ijwi ryonyine cyangwa riri mu ijambo;
- Kongera, gukuramo no gusimbuzanya amajwi mu magambo;
- Gucagaguramo amagambo mu majwi atandukanye ukongera ukayahuza;
- Gutandukanya amajwi.

PHONEMIC AWARENESS ACTIVITIES

Ibikorwa Bitangira:

Umwarimu w'umwana wawe ashobora kukurangira muri ibi bikorwa bita "ibikorwa byagufasha kumenya amajwi hakiri kare" banashyiraho urufatiro rwo kumenya imiterere y'ijambo. Ibi bikorwa bituma umwana wawe amenya gukina nururimi (bizwi nanone nko gukina namagambo) kwita cyane ku rurimi, injyana n'imigemo mumagambo. Muri iki gice uzabona uturongo tuberamyeye imbere n'inyuma y'inyuguti ndetse no mu gice cy'amajwi. Nubibona, ujye uvuga urusaku rw'inyuti aho kuvuga izina ryayo. urugero; nubona /m/, vuga ijwi rayo "m" aho kuvuga inyuguti "m." ibi bikorwa byateguwe hashingiwe ku mbogamizi umuntu ahura na zo. Umwarimu w'umwana wawe ashobora kumuha nk'iyi cyangwa se ukayikora ugendeye kuri gahunda yashyizweho. musabwe gusubiramo imyitozo birafasha.

Injyana

- Sobanura ko injyana ari amagambo afite ijwi rimwe iyo arangiye. urugero: sit/bit, bad/mad, sister/mister, kick/pick, chill/will.
- Bwira umwana wawe akore injyana. uti, "ushobora kumbwira ijambo rifite injyana imwe na cake?" (rake, sake, lake, fake). Andi magambo wakwitorezaho injyana: track, pail, man,

Kumenya Ijwi mu Ntangiriro y'Amagambo

- Tekereza ikintu cyangwa umuntu usobanura. bwira umwana asobanure ikintu cyangwa umuntu mw'ijamboritangizanya ijwi rimwe nicyo kintu cyangwa umuntu. Urugero: "delicious donut," "bouncy ball," "green grass"
- Bwira umwana atekereze ku izina ry'akabyiniriro aha umuvandimwe cyangwa inshuti. iryo zina rishya rigomba kuba ritarengeje amagambo atatu kandi ijwi ritangira ringomba kuba risa ni izina ry'umuntu. Urugero: "handsome helpful Javier" cyangwa "creative character Kelly"

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

Kubara no Gukina n'Amagambo, Amajwi n'Imigemo

- Bwira umwana wawe ko mugiyeye kuvuga interuro umwe umwe. Buri jambo ryose ryo mu nteruro, undi mukinyi arahabwa manota 9. Vuga interuro, mubare n'amagambo musimburana.
urugero: "She lives with her older sister and two dogs." (9 points)
- Itoze kubara imigemo mumazina y'abavandimwe n'inshuti. urugero: Robert (imigemo 2), Ket-ur-ah (imigemo 3), Lu-ci-a (imigemo 3)
- Itoze gucagagura amagambo amajwi. Abarimu bamwe babyita "kurambura" ijambo, umwana wawe yabyitoza arimo akwedura umugozi. wibuke ko umwana atavuga ijambo mwizina rya ryo ahubwo arivuga mu ijwi rya ryo.
urugero: "vuga ijwi ry'ijambo dog?" (/d/ /ɔ/ /g/) "vuga ijwi ry'ijambo let?" (/l/ /ɛ/ /t/) "vuga ijwi ry'ijambo kick?" (/k/ /i/ /k/) "vuga ijwi ry'ijambo shape?" (sh/ /ā/ /p/) "vuga ijwi ry'ijambo drum?" (/d/ /r/ /ʌ/ /m/) "vuga ijwi ry'ijambo snow?" (/s/ /n/ /ō/)

Ibindi Bikorwa Byingenzi:

Umwarimu w'umwana wawe ashobora kukubwira ibi bikorwa ibyo aribyo nk' "phonemic awareness activities," cyangwa ibindi bikorwa bitoza umwana gukina n'amajwi atandukanye mu magambo.

Kumenya amajwi no Kuyavanga

- Itoze kumva amajwi mu magambo. uti "subiramo iri jambo nyuma yanjye" Set." (Set) "ijwi rya mbere ni irihe?" (/s/) "ijwi ryo hagati ni irihe?" (/ɛ/) "ijwi rya nyuma ni irihe?" (/t)
Umwitozo w'amagambo y'amajwi 3: mat, tub, did, pot, sip, bed, kit
umwitozo w'amagambo y'amajwi 4: stake, sled, Fred, plum, drip, flat
- Ha umwana amajwi hanyuma umubwire ayavange akuremo ijambo. urugero: "ni irihe jambo tubona muri aya majwi /l/ /ɛ/ /g/ atanga?" (leg) "ni irihe jambo tubona muri aya majwi /c/ /r/ /ō/ /p/ atanga?" (crop) "ni irihe jambo tubona muri aya majwi /sh/ /ū/ atanga?" (shoe) "ni irihe jambo tubona muri aya majwi /m/ /ē/ atanga?" (me)

Gusimbuza no Gukuramo Amajwi

Itoze gusimburanya amajwi mu ntangiriro no ku mpera yamagambo. Uti, "reka turebe uko twakora ijambo duhinduye ijwi rimwe gusa. mpinduye /b/ muri bat nkarisimbuza /r/, ni irihe jambo rishya tubonye?" (rat)

- Urugero: "mpinduye /w/ muri wag nkarisimbuza /t/, ni irihe jambo rishya tubona?" (tag)
"mpinduye /l/ muri shell nkarisimbuza /f/, ni irihe jambo rishya tubona?" (chef) "mpinduye /p/ muri poodle ngashyiramo /n/, ni irihe jambo rishya tubona?" (noodle) "mpinduye /tch/ muri witch nkarisimbuza /n/, ni irihe jambo rishya tubona?" (win) "mpinduye /s/ muri race nkarisimbuza /z/, ni irihe jambo rishya tubona?" (rays)
- Itoza gukura amajwi mumagambo.
Urugero: "vuga potato udashyizemo /pō/." (tato) "vuga stop udashyizemo /s/." (top) "vuga peas

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

AMAJWI (PHONICS)NI IKI?

Kumenya guteganya isano hagati ya phonemes na graphemes (inyuguti imwe cyangwa nyinshi ziri hamwe ni zo phonemes) isano hagati y'inyuguti nini n'imigemo cyangwa ubusobanuro bw'igice kimwe cy'ijambo (morphemes).

Intego yiri somo phonics nukwigisha isano riri hagati y'inyajwi n'amajwi. Bituma umusomyi amenya kuvuga amagambo. Bizwi nanone nko gusobanura amagambo (**decoding words**). Iyo umwana wawe ashobora kuvuga ijambo vuba kandi neza, aba afite ubumenyi bwo kumenya amajwi.

Umwana yubaka ubumenyi bw'amajwi mu gusoma amagambo neza; yiga cyangwa akora imyitozo.4 kumenya amajwi neza bifasha umunyeshuri gutekereza kucyo ijambo ririkumubwira kurusha kumenya ubusobanuro bw'ijambo riri ku rupapuro.

Imyitozo y'amajwi (phonics) izafasha umwana kwagura ubumenyi no kumenya uburyo:

- Uburyo inyuguti zigira amajwi;
- Kugena isano hagati y'inyuguti n'amajwi yazo;
- Rimwe na rimwe ijwi rimwe rishobora kuva mu nyuguti ebyiri cyangwa nyinshi ziri hamwe;
- Ibishushanyo mbonera bishobora kwerekana amajwi y'inyajwi;
- Akenshi inyajwi imwe cyangwa nyinshi ziri hamwe zitanga ijwi rimwe rirerire cyangwa rigufi;
- Rimwe na rimwe inyajwi ebyiri zitanga ijwi rishya rimwe;
- Iyo R ikurikira inyajwi, ihindura ijwi ryiyo nyajwi;
- Amagambo maremare agizwe n'imigemo ishobora kumvikana igice kimwe icyarimwe.


Akenshi, abanyeshuri batazi gusoma amagambo neza ni byiza ko bitoreza ku majwi.byaba ngombwa,ubaza mwarimu w'umwana imyitozo iri mu ifashanyigisho ,igice cya Phonemic Awareness bimifasha kumva neza no gukina n'amagambo.

IMYITOZO Y'AMAJWI

Iyi myitozo igenda ikomera.umwarimu w'umwana azakwereka imyitozo umwana akeneye, cyangwa ukayikora mu buryo bwateganyijwe. Usabwe kuyisubiramo kenshi gashoboka.

Inyuguti zihagararira Amajwi

- Hitamo inyuguti hanyuma umwana ashake ibintu bitanu bitangizwa n'ijwi ry'iyonyuguti. Niba ijwi ari /m/ umwana shobora gushaka mop, mat, mom, money and microwave.namara kubona icyo kintu, mubwire yitowe kwandika inyuguti m hanyuma avuge izina ryicyo kintu.
- Fatisha inyuguti yicyo kintu kuri firigo.usubiremo iyo nyuguti n'ijwi ryayo igihe utetse, hanyuma ubwire umwana ahitemo inyuguti cyangwa ijwi ry'icyo kintu uvuze kuri firigo.
- Fasha umwana gukora inyuguti zitandukanye mwibumba.vuga amazina y'inyuguti n'amajwi hanyuma umwana azibumbe.



GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

Ushobora Gutenganya Isano Y'Inyajwi N'Amajwi Yazo.

Iyi ni imyitozo yo gusoma no kwandika amagambo y'umugemo umwe uruge: bat, ham, sun or lip.

- Kora ijambo ry'imiterere imwe y'amagambo uzitanye na sumako ebyiri werekane ijwi ryo hagati n'irisoza. Bwira umwana atekereze inyuguti imwe yakongerwa ku ntangiriro rikavamo ijambo. Bwira umwana asome n'ijwi riranguruye, anandike iryo jambo mbere yo kubaka irindi rishya.

Urugero: nimba ijambo ry'umusozo ari "op," tora inyuguti ebyiri o na p hamwe na m ishobora kongerwa ku ntangiriro rikavamo mop na t ishobora kongerwa ku ntangiriro rikavamo top. Andi magambo yavamo ni pop, cop, sop, lop. Hari nandi nka nop, rop na yop yasetse abana mugihe bari kwitwaza guyasoma cyangwa kwandika amagambo y'imiterere imwe.

- Ukoresheje amwe ari ku rutonde ruri munsi, andika inyuguti zizigwe n'amagambo ari mu dukaro duto turi ku rupapuro. Umwitozo wambere, andika inyuguti imwe mu gakaro. Umwitozo wa kabiri, hitamo inyuguti zibanza mu nyuguti ziri munsi hanyuma uzandike muri buri gakaro hanyuma wandike inyuguti zisoza ziri murwo rutonde mukandi gakaro. Fasha umwana kurema ijambo akoresheje amakaritay'inyuguti wakoze. Ku mwitozo wambere, hinduranya uvuge inyuguti ibanza n'isoza ubwire umwana avuge inyuguti yo hagati cyangwa uvuga inyuguti yo hagati, ubwire umwana avuge inyuti itangira n'isoza. Umwitozo wa kabiri, vuga inyuguti itangira, umwana avuze isoza cyangwa se uvuge isoza, umwana avuze itangira.

Umwitozo #1 Urutonde #1: b, a, t, r, e, d, s, u, n, l, i, p, c, u (bat, red, sun, lip, cup, sit)

Urutonde #2: t, i, p, l, e, r, u, n, o, b, c (tip, let, run, pin, rob, cop)

Urutonde #3: s, e, t, n, l, p, r, i, h, a, m, o (set, nip, rip, ham, tan, pop)

Umwitozo #2, Urutonde #1: inyuguti zitangira – l, s, t; inyuguti zisoza – op, it, et (sit, set, sop, lit, top)

Urutonde #2: inyuguti zitangira – c, p, r; inyuguti zisoza – at, up, un (pat, pun, cup,

cat, run) Urutonde #3: inyuguti zitangira – c, d, t; inyuguti zisoza – en, ot, an (den,

ten, cot, dot, can)

Iyi myitozo niyo gusoma no kwandika amagambo maremare y'umugemo umwe urugero: clot, trim, slap, rust. Aya magambo inyuguti itangira n'isoza zirafatanye, kandi amajwi y'izi nyuguti zombi ashobora kumvikana. Zimwe mu ngero zizo nyuguti zitafatanye harimo: cl, tr, sl and st. bazita **blends**.

Rimwe Na Rimwe Ijwi Rimwe Rigizwe N' Inyuguti Ebyiri Cyangwa Nyinshi Zifatanye.

Urugero rw'inyuguti zikora ijwi rimwe iyo ziri hamwe: sh, ch, th na tch. Izi zitwa digraphs (inyuguti 2) na trigraphs (inyuguti 3).

- Shushanya imbonerahamwe, muri buri gakaro, wandikemo inyuguti hanyuma mu dukaro tubiri turi munsi yakarongo wandikemo inyuguti ziri ku rutonde ruri munsi. Igihe umwana zaba asimbuka mugakaro, avuge izina ry'inyuguti n'ijwi ryayo. Nasimbuka munsi yakarongo, avuge izina ry'inyuguti iri mu gakaro kibumoso, hanyuma asimbuke mugakaro kiburyo, avuge izina ry'inyuguti iri muri ako gakaro, ahite avuga cyane inyuguti zikora iyo ziri hamwe..



Urugero rw'inyuguti ziri mu dukaro: b, d, f, j, k, m, p, r, s, t, w urugero rw'inyuguti ziri munsi yakarongo: ch, kn, ph, sh, th, wh, wr, ck

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

Rimwe na Rimwe Inyajwi Ebyiri Zitanga Ijwi Rishya.

Izi nyajwi zitwa diphthongs (iri jambo “ph”rifite ijwi /f/). Hari ebyiri zikoresha mu rurimi rw’icyongereza, arizo /oi/ nko muri coin cyangwa boil na /ou/ nko muri loud, cyangwa now. Urugero rw’amagambo afite izi nyajwi: oil, toil, out and bout.

- Koresha amakarita yanditseho yangwa udupapuro, hanyuma ukoreshe amagambo ari muni. Hitamo inyuguti. Wandike inyuguti imwe imwe ku gakarita cyangwa ku gapapuro.hanyuma ushire amakarita hagati ya we n’umwana. Musomere hamwe inyuguti ziri ku makarita, munitozi amajwi y’inyuguti mumaze gusoma.noneho, musimburane kubaka amagambo muri izo nyuguti.mushobora kubikina mukareba uwubaka amagambo menshi muri izo nyuguti.ijambo rimwe mukariha inota rimwe.mukongera mugakina mukoresheje inyuguti nshya.

Urutonde#1: ow, pr, c, n, fl, er (cow, now, flower, prow)

Urutonde #2: ou, nd, pr, cl, d, l, r, s, t, p (cloud, loud, proud, round)

Urutonde #3: oi, l, s, t, b, f (oil, soil, toil, boil, foil)

Iyo R Ikurikiye Inyajwi, Ijwi Ry’Inyajwi Rirahinduka.

These are also called vowel-r combinations or r-controlled vowels. Urugero rw’amagambo ahindura ijwi iyo harimo inyuguti r:t, torn, march, car, sport, her, burn and first.

- Koresha makarita cyangwa udupapuro uhitemo inyuguti ziri muni mumwitozo.hitamo inyuguti. Andika inyuguti imwe imwe ku makarita cyangwa ku dupapuro dutandukanye.shyira amarika mu gisahani.umwana atoremwo agakarita kamwe asome ijwi ry’inyuguti yanditse kuri ako gakarita.bityo bityo kugeza udukarita twose dushize.igihe cyohe atoye agakarita agerageze kubaka ijambo mu nyuguti zanditseho.umushishikarize kubaka amagambo menshi ashoboka muri izo nyuguti.umufashe gusoma amagambo yubatse, wumve neza uburyo ijwi ry’inyajwi rihinduka kubera inyugut r.

Urutonde #1: (amagambo arimo ar) c, ar, t, sh, ar, p, m, ar, k, f, ar, m

Urutonde: (amagambo arimo er) h, er, d, g, er, m, cl, er, k, p, er

Urutonde #3: (amagambo arimo ir) sh, ir, t, b, ir, d, c, ir, cle, f, ir, st, b, ir, th, day

Urutonde #4: (amagambo arimo or) sh, or, t, c, or, n, st, or, y, p, or, t

Urutonde #5: (amagambo arimo ur) h, ur, t, t, ur, tle, b, ur, n, p, ur, ple

Amagambo MaremareAgizwe Nimigemo Migufi Ashobora Kumvikana Igice Kimwe Icyarimwe.

Gusoma no kwandika amagambo agizwe n’umugemo urenze umwe harimo amagambo yinyunge n’amagambo afite prefixes n’umugereka (suffixes). Urugero: rainstorm, landing and retell.

- Kina kuba amagambo nka Scrabble©, Boggle© or Word Up© n’umwana.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

• Koresha udupapuro (dukase nk'udukaro). Muri uyu mwitozo koresha urutonde rw'imigemo iri muni. andika umugemo umwe kugakarita. soma ijambo mu rutonde rw'amagambo watoye, ubwire umwana akore ijambo akoresheje amakarita yanditseho imigemo. uko atoye umugemo, umubwire agusomere. Arangije kubaka ijambo, asome avuge ibyo yatoye mwijwi rirerire, hanyuma asome ijambo ryose. muvuge ubusobanuro bwijambo hanyuma mwitoye kurikoresha mu nteruro. shikariza umwana kubaka amagambo menshi mu makarita atarakoresha.

Urutonde rw'imigemo #1: (park, look, open, sing, watch, ing, re, un, ed, s, es) parked/looking/parks/reopening/singing

Urutonde rw'imigemo #2: (close, trust, heat, block, charge, dis, un, re, ing, s, ing) disclose/closing/reheat/unblock/charges

Urutonde rw'imigemo #3: (act, cover, draw, load, make, re, ing, tion, s, dis, un) action/discover/drawing/unload/making

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

KUVUGA NEZA NIKI?

Kuvuga neza ni uburyo bwo gusoma inyandiko kumuvuduko ukwiye kandi neza ikumvikana.harimwo:

- Kumenya ijambo;
- Ukamenya iryo ariryo;
- Uko rikoreshwa iyo usoma n'ijwi riranguruye;
- Gusobanukirwa ibyo usoma,haba bucece cyangwa se ni ijwi rirerire.

Gusoma neza biva kuba uzi neza phonemic awareness na phonics. Iyo umunyeshuri adashobora gusoma neza yihuta, akeneye gukora imyitozo ya Phonemic Awareness na Phonics biri muri iy'lfashaboyobora.Vugana na mwarimu w'umwana wawe imyitozo myiza yamufasha.

Intego nyamukuru yo kwitiza gusoma neza nukugira ngo umwana asobanukirwe ibyo asoma.5 iyo umwana asoma neza, ntiyibanda cyane ku kuvumbura ijambo rimwe gusa ahubwo yita ku butumwa buri mu nyandiko.

IMYITOZO YO GUSOMA NEZA

Ibyiciro bitanu byimyitozo yagufasha gusoma neza. Mwarimu w'umwana ashobora kuyikubwira cyangwa se ukayikora mu buro yateguwe.ni byiza gusubiramo imyitozo.

Mwumve Inyandiko Zumvikana Zeza Zirimwo N'SUButumwa

- Somera umwana wawe buri munsu! Iyo usoma n'ijwi riranguruye numwana, ikigero yaba arimo cyose, uba uri kumwerekana urugero rwiza rwuko basoma neza badategwa.
- Shakira umwana wawe amajwi yumva kandi aje ayasubiramo. YouTube, inkuru kumbugankoranyamagamba zitandukanye n' amasomero afite inkuru z'amajwi zitandukanye zafasha umwana kumva.
- Koresha imvugo yabugenewe mu gihe urimo usoma ikiganiro.urugero, nimba umukinnyi yishimiye kujya muri pariki, bivuge wishimiye kandi ushishikarize umwana gukoresha amarangamutima ye mu gihe asoma.

Hitamo Ibitabo Byo Kwiterezaho Gusoma Neza

- Ushobora kwiterezaho ku bitabo mwarimu yaguhaye cyangwa se ibyo yakubwiye gushaka.
- Koresha amabwiza y' "Intoki Icumi." Bwira umwana ahitemo igitabo mw'isomero cg se mu byo mu rugo mubwire asome n'ijwi urupapuro rwa 1 nu rwa 2.umwana nasimbuka ijambo rimwe mu magambo icumi icyo gitabo ni cyiza cyo kwiterezaho gusoma. Nasimbuka ijambo rimwe muri atanu, igitabo ni cyiza kuri wowe arko gishobora kugora umwana kucyiterezaho.

Gusomera Rimwe

- Mwitoze gusoma musubiranamo n'umwana.Musome inkuru mutamenyereye kandi musome imigemo migufi y'amagambo (hagati ya 5-8), koresha urutoki werekana ibyo urimo usoma. Nurangize, umwana asubiremo ibyo warurimo gusoma, ashiremo namarangamutima.
- Mwitoze gusomera rimwe (musome amagambo icyarimwe). Muhe amanita mu gihe arimo gusoma rate.
- Musomere abantu batandukanye, nk'abaturanyi, ababyeyi bakuru, amatungo, ibikinisho akunda cyangwa abandimwe.iyo usome azirikana abo asomera, amenya gusoma no kumva neza ibyo asoma.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO



Soma Usubiramo ,Ucemo Inyandiko Imigemo

- Subiramo inkuru kenshi gashoboka.inkuru isubiwemo ifasha umwana kumenya amagambo n'amajwi akoresha mu gihe asoma neza.
- Hitamo imirongo ibika musubiramo numwana. Somera igika umwana n'ijwi riranguruye, hanyuma mugisubiremo icyarimwe, mufashe kuvumbura amagambo atasomye neza.umusobanurire ikosa yakoze, ubutaha bizamufasha gusoma neza abishyizeho umutima.Reka umwana agusubiriremo cya gika yitonze, asomere neza adategwa ashiramo n'amarangamutima.intego nukugira ngo nasoma bijye byizana ntaguhatiriza.
- Fata ayo majwi asoma, narangiza gusoma icyo gika, fata majwi na telephone cyangwa ikindi kintu gifata amajwi.bifasha umwana kwiyumva ndetse akagira amatsiko yo kurangiza igitabo. Mushobora gusubiramo ubu buryo kenshi gashobora mukanarushaho gufata amajwi neza.
- Koresha ikaramu yigiti, uce akarongo hagati yamagambo aho wumva akaruhuko. Umwana yitoze gusoma igika cyose, acemo amagambo imigemo akoresheje ya karamu mu gihe asoma.

Urugero: "From then on, / every afternoon, / as soon as her mother / had left for bingo, / Matilda would toddle / down to the library. // The walk took / only ten minutes / and this allowed her / two glorious hours / sitting quietly / by herself / in a cozy corner / devouring one book after another." (from Matilda by Roald Dahl)

Umuwuduko Mu Gusoma

- **Abana bize amazina y'inyuguti:** yitoze gusoma yihuta inyuguti nini n'intoya, "reka turebe inyuguti wasoma mu munota umwe." Kugira ngo bimworohera kandi ntibimurambira, uko asomye ajye yongeraho inyuguti.

urugero: H o j L s W t g R p Q a A c x D O

- **Ku bana bigiye mwishuri:** kumenya amagambo bifasha gusoma neza. Ushobora kwitwaza ku rutonde rw'amagambo yahawe ku ishuri.s uko musoma mukongera umuvuduko.kora amakarita yanditse amagambo bizafasha umwana kutayibagirwa no kuyamenya byihuse.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

AMAGAMBO (VOCABULARY)NIKI?

Vocabulary nukumenya ubusobanuro n'ubutumwa bw'ijambo mu nyandiko.harimo:

Kumenya uko ijambo risomwa no kuryumva

Uko ijambo rivugwa cyangwa ryandikwa

Bamwe mu bashakashatsi bavuga ko abana batangiiye amashuri y'incuke bazi amagambo 4000 kandi buri mwaka kubegaza mu mwaka wa gatandatu w'amashuri banaza bamenya mashya 800 mu 1000.Abandi bashakashatsi bateganya ko abana bashobora kwiga hagati y'amagambo 2000 na 3000 ku mwaka.barindwi bashobora kwigira amagambo mashya mu buryo buhoraho mu rugo cyangwa ku ishuri, cyane iyo baguma bitoza ndetse biga amagambo mashya.

Icyitonderwa ku miryango ikoresha ururimi rurenze rumwe:

Kuvuga indimi nyinshi ni byiza cyane! Iyo muvuga urundi rurimi rutari icyongerezage mu rugo, kwigisha umwana wawe amagambo menshi mu rurimi rwo mu rugo, bizamufasha kumenya byoroshye amagambo y'icyongereza.umwana namenya amagambo yo mu rurimi rwo murugo, bizamworohera kumenya amagambo yo mu cyongereza.

IMYITOZO Y'AMAGAMBO

Koresha Ibiganiro mu Kubaka Amagambo

- Mubaze ibibazo byoroshye cyangwa ibibazo bisubizwa mumagambo menshi.Umushishikarize gutekereza no kuvuga bitekerezo bye.

Ingero: ni iki cyagushimishije uyu muni? Kubera iki? Ni iki kijya kigushimisha_____? (siporo , ibiganiro,ibiryo cyangwa ahantu) wumva byagenda gute uramutse ... ? wumva twabigenza gute ...?

- Muganirize igihe muri ku meza cyangwa muri mumodoka. Muganire kenshi gashoboka kubyo mubona, aho muri hose, wherever you are. Mubaze uko kwishuri byagenze, gahunda za wikendi cyangwa amakuru atandukanye yo mumuryango bizamufasha kumenya inyunguramagambo.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

Ifashishe ingero zubuzima busanzwe mukwiga amagambo

- Koresha ubusobanuro bw'amagambo umwana amenyereye kumva cyangwa kubona. Urugero: "The word enormous means something really, really big." Hanyuma ukoreshe amagambo mumenyereye: "Wow! Look at that cloud! It's enormous!"
- Mu gihe ubonye ikintu, ikimenyetso runaka mu rugo cyangwa mubaturanyi, shaka amagambo wasanisha nicyo kintu cyangwa ikimenyetso. Uti, "nayahe magambo twasanisha nuriya muhanda wa gariyamoshi to railroad?" (tracks, trains, crossing, cars, horn, wheels, stopped, lights, conductor, engine, caboose)
- Kina namagambo afite ubusobanuro bumwe cyangwa amagambo afite ijwi rimwe ariko afite ubusobanuro butandukanye. uti, "reba kino giti. Urubaho ruva muri kino giti rwitwa gute?" (bark) "bark bisobanura iki kindi?" (kumoka kw'imbwa)

Andi magambo wakwitorezaho: • Ring (a piece of jewelry and the sound of a phone or doorbell) • Flu/flew (an illness or the past tense of fly) • Pain/pane (discomfort or the glass in a window)

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

Koresha inyandiko ukore amagambo

- Musomere hamwe inkuru zitanga amakuru atandukanye (nonfiction) ziganisha kubyo umwana akunda. Muganire ku magambo mumaze gusoma, ubisanishe nubuzima bwa burimunsi.
- Mbere yo gusoma igitabo n'ijwi, musobanurire aho byamugoye n' ijambo.musobanurireicyo ijambo rivuze, ubwire umwana avuga buri jambo.arimo asoma, mwereke ayo magambo wongere uyamusobanurire.
- Somera umwana n'ijwi ibimenyetso byo kumuhanda, ibyapa n'ibindi byamamaza.
- Murebe firime n'ibiganiro umwana akunda mwibande cyane kumva amagambo makuru mwakoresha murugo.muyongere muyo mujya muganira numwana buri munsi.

Iga ibice bigize ijambo to Build Vocabulary

Iyi myitozo isa niyisumbuyeho.abana bumva uko ibice bigize ijambo byuzuzanya bigahindura inyito y'ijambo bashobora gusoma, bagasobanukirwa ubusobanuro bw'ijambo rishya. .

Shimangira ibyo umwana ari kwiga ku ishuri kubijyanye na prefixes na suffixes. **Prefixes** ni igice ry'ijambo cyongerwa ku ntangiriro yijambo rigahindura inyito. **Suffixes** ni gice cy'ijambo cyongerwa ku mpera y'ijambo rigahindura inyito.

Imyitozo rusange ya Prefixes	Imyitozo rusange ya suffixes
<p>dis- (not, apart, absence of) pre- (before) re- (again, back)</p>	<p>-s/es (more than one) -ed (past tense of actions) -tion (act or state of)</p>



- Mwereke amagambo afite prefixes na suffixes mu gihe muri gusoma ibitabo cyangwa ubibonye nko ku byapa byamamaza.muganirize uburyo amagambo ahindura inyito iyo byongeweho prefixes and suffixes.

- Tangiza umuzi w'ijambo nka act. Fasha umwana kwandika amagambo menshi ashoboka, yakoresha iryo jambo, muganire uburyo prefixes na suffixes bihindura inyito yijambo.ukoresheje act,ushobora kwandika react, reacts, reacted, reacting, reaction and reaction. Indi mizi cyangwa amagambo wagerageza ni flect, heat or inform.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

GUSOBANUKIRWA(COMPREHENSION)NI?

Ni uburyo bwo kumva,no guha umurongo inyandiko mu gucukumbura,ubumenyi rusange no gutekereza ku nshinga,ibi byose umusomyi abyibandaho kugira ngo asobanukirwe,yibuke,anasangize abandi ibyo yasomye.

Kugira ngo umwana asobanukirwe agomba kuba azi azi neza phonemic awareness, phonics, fluency na vocabulary, gusa agomba kuba azi n'ubumenyi rusange, azi uburyo interuro ikoze, ubushobozi bwo gufata icyemezo gishya ndetse n'ubumenyi bw'izindi nyandiko zitandukanye.

Gusobanukirwa ni intego nyamukuru yo gusoma.

Kuba ufite ubwo bumenyi bwose ni ikintu cyingenzi kuko bifasha umwana kwagura imitekerereze ndetse akanasesengura mbyimbitse ibyo yasomye.

Abana bafite ubumenyi mu gusobanukirwa (comprehension):

- Kugenzura imitekerereze; agasubiramo, akaganira ku nyandiko mu gihe itasobanutse neza
- Kumenya intego imutera gusoma (kumeya amakuru mashya,akabyumva neza,bikamushimisha);
- Kuba yafata icyemezo gishya kubera iyo nyandiko;
- Kugumana amakuru mazima ari ku rutonde mu giye urimo usoma
- Gusobanukirwa uburyo ayo makuru mashya ahuye cyangwa atanduka nibyo yarasanzwe azi ndetse n'ibitekerezo bye.

IMYITOZO COMPREHENSION

Inama Rusange Za Comprehension

- Soma inkuru n'inyandiko zitandukanye **amakuru yukuri** atandukanye ni inkuru mpimbano kdi ashingiyeye ku ukuri, ibintu byabayeho n'abantu babayeho. Izo nyandiko zishobora kuba, ubuzima bwite bw'abantu, amateka, siyansi, imibare (imbonehamwe) nibindi. **Literature or literary texts akenshi byitwa** inkuru mpimbano, harimo ibintu n'abantu batabayeho.twavuga, ubusizi, ikinamico, inkuru ngufi, imigani, n'ibitabo.
- Muvuge ku gendo mufite.mukoreshe aya magambo (first, next, last, finally) muvuga ku munsu wanyu.urugero, ushobora kuvuga, "turaza guhagarara gatatu. Ahambere, turajya kuri sitasiyo .dukurikizeho banki, dusoreze ku isoko."
- Hari inkuru zitandukanye ku mbugankoranyambaga zashimisha abana kurusha ibitabo.muganire kuri filime, amashusho, imikino y'amashusho, ibiganiro kuri televiziyo: "nibahe bakinyi bingenzi? Ni zihe ngorane bahuye na zo? Ni gute babikemuye? ni gute ikiganiro cyarangiyeye?"

Mbere yimyitozo yo gusoma:

- Umwana nasome umutwe w'igitabo, akurikizeho urupapuro ku rundi uko inyandiko zikurikirana.baza umwana icyo atekereza kiza kuvugwa. **Alternate version:** iyo usoma amakuru yukuri, fasha umwana ayirebe mu buryo bwose bushoboka (ingingo zingenzi, amafoto n'inyunganizi) bifasha umwanaguterekereza ibiza gukurikira mu nkuru.
- Ganiriza umwana ibintu asanzwe azi ku kuri icyo gitekerezo.baza umwana icyo ashaka kwiga muri iyo nkuru. Ubu buryo babwira **gushyiraho intego** kandi byanafasha gusobanukirwa.
- Nimba uri gusoma igice runaka cy'igitabo iminsi myinshi, bwira umwana aguhe incamake mbere yo gutangira igice gishya.uti, "tekereza kubyo twasomye ubushize, abakinyi ni bande? Intego yabo yari iyihe? Inkuru ibatubwiraho iki mumagambo arambuye?" gusubiramo utangiriye aho mwagarukiye byafasha.

GAHUNDA YA SOMA MU RUGO

Mugihe muri gusoma:

- Igihe usomera umwana n'ijwi riranguruye, muganire kucyo mubitekerezaho. ni uburyo bwiza bwo kwereka umwana ko gusoma birenze kumenya amagambo gusa. Musobanurire uko wiyumva ku bijyanye ni gitabo cyangwa icyo utekereza ku mahitamo y'umukinnyi.
- Hagarika gato, ugenzure nimba umwana arimo kumva ibyo musoma. mubaze ibibazo bitandukanye, ninde, niki, ryari, hehe, kubera iki, gute. nusanga umwana atabizi, subira inyuma inyuma, umusubiriremo uburyo abasomyi babahanga babigenda iyo batumvise neza.
- Fasha umwana kumenya ubusobanuro bw'ibitavuzwe mu nyandiko. igihe umukinnyi agize igikorwa akora, baza umwana icyo atekereza ku byiyumviro by'umukinnyi, cyangwa ibizagukurikira ashingiye kubyo umukinnyi yakoze mu nkuru.
- Vuga ku mvuga irimo gukoresha. **Imvugo isanzwe** icyo inkuru ivuga neza mu gihe **Amakabyankuru ni imvugo** ikabya, ikanagereranya. Urugero, "igitano kivuga ko igikapu cya Mariya gipima toni. Uratekereza koko ko gipima toni? Oya cyangwa yego, kubera iki?"
- Shikariza umwana kwitegereza abakinnyi, aho bakinira n'ibikora buri kuvugwa mu gitabo. Mubwire asobanure, ashingiye kubyo yasomye mu nkuru, niki atekereza iyo asoma.



Nyuma Yo Gusoma:

- Bwira umwana akubwire uko byagenze. mumagambo arambuye ibyo abakinnyi bakoze, aho bakiniye, n'ibikorwa nyamukuru byakozwe. ayikubwire neza uko ibikorwa byakurikiranye.
- Subira ku **Ntego igutera gusoma**: "wize icyo washaka kwiga?" nimba ari hoyu, shakisha ku mbugankoranyambaga n'isomero urusheho gusobanukirwa.
- Nyuma yo gusoma bwira umwana **atange igitekerezo** ku byo yasomye, hanyuma atange impamvu mu byo yasomye zishyigikira igitekerezo cye, "wemera amahitamo yumukinnyi? Nyereka icyo gice gituma utabyemera?"
- Mubaze uko yabonye **umuco, umurava, ibikorwa n'amarangamutima by'umukinnyi**: "nuwuhe mukinnyi wabonye wumwana mwiza? Ninde wari umutware? Nibiki bibatwerekaga munyandik?" niba umwana ntabyo azi, musubiriremo agace kamwerekaga igisuzo.
- Mushishikari kwagura ibitekerezo, umubaza, "inkurun
- Iramutse ikomeje, **wumva ariki cyakurikiraht?** ushingiyeye ku nkuru twasomye niki kibikwerekat? ni gute icyo gikorwa cyahinduraga ubuzima bw'umukinnyi?"
- Fasha umwana **abihuze** nubuzima bwe bwa buri muni ndetse nibitekerezo bye. uti, "ibyo wasomye, byakwibukije iki mu buzima bwacu bwa buri muni?"